GANA HEZA

CCOAIB's NEWSLETTER/26/ 09/2017

CCOAIB IKOMEJE IBIKORWA BYO GUFASHA ABAHINZI GUSOBANUKIRWA GAHUNDA YA TWIGIRE MUHINZI

Kuwa gatandatu taliki ya 23 Nzeli 2017, Ihuriro CCOAIB ryahuguye abahinzi bo mu mirenge ya Nyagisozi na Rwagicuma yo mu karere ka Nyanza.
Mu mpera z'umwaka wa 2016, ku nkunga y'umuryango Trocaire, CCOAIB yateguye agatabo k'imfashamyumvire kuri gahunda ya Twigire muhinzi. Umwihariko w'iyi mfashamyumvire ni uko iri mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ikaba ihinnye kandi irimo n'amashusho, ku buryo n'umuntu uzi gusoma ibi bisanzwe ahita asobanukirwa iyi gahunda. Ni ukuvuga amavu n'amavuko yayo, imiterere yayo ndetse n'ibisabwa kugira ngo igere ku musaruro.



Bimwe mu biri mu mfashamyumvire yateguwe na CCOAIB

Twigire muhinzi ni uburyo bw'iyamamaza buhinzi Leta y'u Rwanda yatangije mu mwaka wa 2014 imaze kubona ko abahinzi bakeneye uburyo buboneye bwo kugezwaho amakuru abafasha kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi mu bwinshi no mu bwiza. Ni uburyo bushingiye ku bahinzi ubwabo.

Muri gahunda ya Twigire muhinzi, umudugudu niwo shingiro, abahinzi bakaba bibumbira mu matsinda mato agizwe n'abantu kuva kuri 15 kugeza kuri 20. Abahinzi bigishwa kandi bagafashwa n'umujyanama w'ubuhinzi ku buryo bwo guhinga kijyambere ndetse n'umufashamyumvire mu ishuri ry'abahinzi mu murima. Mu mirima shuri, igihingwa nicyo mwarimu, naho umurima ukaba ishuri. Ubu buryo bwubaka ubushobozi bw'abahinzi, bukabafasha kwisesengurira ibibazo no kwikorera ubushakashatsi bubafasha kubona vuba na bwabgu ibisubizo nyabyo ku bibazo bibugarije, ndetse n'ibishobora kuzavuka mu bihe biri imbere.

Mu mahugurwa yatanzwe na CCOAIB ku bahinzi 65 bari baje baturutse mu mirenge ya Rwagicuma na Nyagisozi yo mu karere ka Nyanza, hanaganiriwe ku buryo Twigire muhinzi yashyirwa mu bikorwa hubahirijwe ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'umugore n'umugabo. Ibi bisaba ko uruhare rwa buri wese ruhabwa agaciro, hashingiwe ku mwihariko w'aba bantu bombi.
Abahuguwe banasobanuriwe ibyiza byo kwibumbira mu matsinda ya Twigire muhinzi kuko uretse kuganira ku by'ubuhinzi gusa, abayarimo bashobora no kuyagira urwego bajya baganiriramo ibindi bibahuje, nko kwizigama no kugurizanya, guhosha amakimbirane mu ngo, uburezi n'ibindi bijyana n'iterambere.

Impuguke kuri gahunda ya Twigire Muhinzi Vincent Sinduhunga ku ruhande rwa CCOAIB na madamazera Christine Mukankundiye wo mu ishami rishinzwe ingengo y'imari ishingiye ku buringanire bw'umugore n'umugabo muri MINECOFIN, bunganiwe muri ibi biganiro na bamwe mu bayobozi, by'umwihariko umuyobozi ushinzwe ubuhinzi mu karere ka Nyanza bwana Nzungize Gustave, ari nawe waje ahagarariye akarere muri iki gikorwa.

Bwana Sinduhunga Vincent aganira n'abahinzi kuri Gahunda ya Twigire muhinzi

Abakurikiye aya mahugurwa bashimye cyane iki gikorwa ndetse bakaba bemeza ko ibiganiro bagize ari ingirakamaro kuko byatumye basobanukirwa kuri gahunda ya Twigire Muhinzi., ngo bakaba bagiye guhaguruka bakayitabira.

Kuko CCOAIB yari yarakoze ubuvugizi isaba ko abajyanama b'ubuhinzi bakoroherezwa mu nshingano ziremereye bahawe, tunejejwe no gutangariza abasomyi bacu ko twashimye ko agahimbazamusyi ubu kagenda kagezwa ku bafasha myumvire no ku bajyanama b'ubuhinzi.

Turemeza ko ibi bizagira icyo byongera mu mikoranire yabo hamwe n'abahinzi, aho mu by'ibanze basabwa hari ugushyiraho akarima ntangarugero, gufatanya n'abahinzi gutegura igihembwe cy'ihinga no gutegurana nabo amalisiti y'ibikenewe, (imbuto, imiti n'izindi nyongeramusaruro)kugira ngo bizabonekere ku gihe, ibi biba byiza iyo bikorewe mu matsinda kuko abahinzi baba batuye hamwe kandi baziranye. N'Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye nirishyirwa muri iyi gahunda turasanga bizagira uruhare muri kwihutisha iterambere kuko abagize umuryango bazaba batahiriza umugozi umwe.

Mu minsi ya vuba, ibi biganiro bizakomereza mu tundi turere aho CCOAIB yiyemeje gushyira uyu mushinga mu bikorwa ku nkunga y'Umufatanyabikorwa Trocaire, hagamijwe kunoza iyamamaza buhinzi no kuzamura imibereho y'abaturage.

Christine Mukankundiye atanga ikiganiro ku buryo ihame ry'uburinganire ryakwinjizwa muri gahunda ya Twigire muhinzi